Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

**AKARERE KA GASABO**

## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko Akarere gashaka guha akazi abantu mirongo itandatu (**60**) ku myanya y'abagize Urwego rushinzwe kunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga Umutekano (DASSO). Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umwe mu bagize urwego rwa DASSO agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite ubushake bwo gukora akazi;
3. Kuba afite imyaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 35; ku bantu bafite ubumenyi bwihariye mu by'umutekano iyi myaka ishobora kongerwa;
4. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire, afite icyemezo gituruka mu Murenge atuyemo kibyemeza;
5. Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye ($A_2$) **cyangwa** afite amashuri atatu yisumbuye ($S_3$) kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye no gucunga umutekano;
6. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu (6);
7. Kuba afite amagara mazima;
8. Kuba atarigeze yirukanwa burundu mu kazi ka Leta cyangwa ngo ahagarikwe nta mpaka;
9. Kuba yiteguye gukora amahugurwa mu gihe cy'amezi atatu (3) mbere yo gutangira akazi;
10. Kuba yatsinze ibizamini byo kwinjizwa mu kazi k'urwego rwa DASSO.

**Inyandiko zisaba akazi zigomba kuba zigizwe na:**

1. Ibaruwa isaba akazi iherekejwe n'umwirondoro (CV) wuzuye w'usaba .
2. Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri
3. Fotokopi y'indangamuntu
4. Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe na Leta cyerekana ko afite amagara mazima;
5. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge
6. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano (kubigeze kuzikoramo).

Inyandiko zisaba akazi zizatangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri E-mail: **hr.gasabo@gasabo.gov.rw** mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi gihera ku wa **12/05/2021.**

Bikorewe i Gasabo ku wa 10/05/2021.

MUDAHERANWA REGIS
DEPUTY DISTRICT
EXECUTIVE ADMINISTRATOR

**UMWALI Pauline**
Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo



Scanned with CamScanner